




INCAMACYE Y'UBURYO
UMUTAMBAGIRO MUTO
(UMRAT) UKORWA
N'AMATEGEKO YAWO.

Kinyarwanda

کینیارواندی

شركاء التنفيذ :



المحتوى الإسلامى



رواد التراجم



بيان الإسلام



دار الإسلام

يتاح طباعة هذا الإصدار ونشره بأي وسيلة مع
الالتزام بالإشارة إلى المصدر وعدم التغيير في النص



Tel : +966 50 244 7000



info@islamiccontent.org



Riyadh 13245-2836



www.islamiccontent.org

INCAMACYE Y'UBURYO UmutambagiRO MUTO (UMRAT) UKORWA N'AMATEGEKO YAWO.

Ishimwe n'ikuzo ni ibya Allah Nyagasani w'ibiremwa byose, amahoro n'imigisha nibisakare ku wasozereje Intumwa n'abahanuzi ari we Muhamadi, n'abiwe n'abasangirangendo be bose.

Nyuma y'ibyo:

Ubu ni ubutumwa bugufi ku byerekeranye n'uburyo umutambagiRO muto (Umrat) ukorwa, amategeko yawo ndetse n'imyifatire ikwiye kuranga umuntu urimo kuwukora, twaharaniye muri ubu butumwa kugaraza iby'ingenzi uri gukora uyu mutambagiRO aba acyeneye

Allah niwe dusaba ko yabugira ubukozwe kubera we Nyir'ubutagatifu, kandi bukagirira akamaro abayisilamu bose.



Akanama k'ubumenyi mu muryango ushinzwe gusakaza inyigisho za Kisilamu mu ndimi zitandukanye.

ICYA MBERE: IBISABWA KUGIRA NGO IBIKORWA UMUNTU AKOZE BYEMERWE NA ALLAH.

Igikorwa ntigishobora kwemerwa imbere ya Allah
Nyir'ubutagatifu cyeretse hubahirijwe ibintu bibiri:

Kuba gikozwe kubera Allah;

umuntu akagikora agamije kwishimirwa
na Allah gusa ndetse n'ingororano zo ku
munsi w'imperuka;

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿وَمَا أُمِرُوا إِلَّا لِيَعْبُدُوا اللَّهَ مُخْلِصِينَ لَهُ الدِّينَ حُنَفَاءَ﴾

"Kandi (no mu bitabo byabo) nta kindi bari
barategetswe kitari ukugaragira Allah,
bakaba ari we biyegurira wenyine,.."¹

[Surat Al Bayyinat: 5]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro
n'imigisha) nayo yaravuze iti:

«إِنَّمَا الْأَعْمَالُ بِالنِّيَّاتِ، وَإِنَّمَا لِكُلِّ امْرِئٍ مَا نَوَى».

"Mu by'ukuri ibikorwa byose bishingira
ku mugambi bikoranywe, na buri wese
azahembwa hashingiwe ku mugambi
yagize."²

Gukurikiza umuyoboro
w'Intumwa y'Imana
(Imana iyihe amahoro n'imigisha)

mu mvugo no mu bikorwa;
Intumwa y'Imana (Imana iyihe
amahoro n'imigisha) yaravuze
iti:

«مَنْ أَحْدَثَ فِي أَمْرِنَا هَذَا مَا لَيْسَ فِيهِ فَهُوَ
رَدٌّ»

"Uzahimba muri iri dini ryacu
ibitaririmo, bizamugarukira."³

No mu yindi mvugo yakiriwe na
Muslim (1718) iragira iti:

«مَنْ عَمِلَ عَمَلًا لَيْسَ عَلَيْهِ أَمْرُنَا فَهُوَ رَدٌّ».

"Uzakora igikorwa kinyuranye n'ibyo
twigishije, azakigarurirwe."⁴




1- Bisobanuye ngo: Niwe wenyine biyeguriye kandi baneguriye ibikorwa bamukorera, bateye umugongo ibindi byose bitari we. Tafsir A-Sifidiy (paji 538).

2- Yakiriwe na Bukhari kuri numero (1), na Muslim kuri numero (1907).

3- Yakiriwe na Bukhari, kuri numero (2697), na Muslim kuri numero (1718).

4- [Yakiriwe na Muslim kuri numero (1718)].



ICYA KABIRI: ITEGEKO RIREBANA NO KWIGA UKO UMUTAMBAIRO MUTO (UMRAT) UKORWA N'AMATEGEKO AWUGENGA.

Birakwiye ko umuntu ushaka kugaragira Allah Nyir'ubutagatifu ku gikorwa icyo ari cyo cyose abanza kwiga uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagikoze, kugira ngo igikorwa agiye gukora kize gihuye n'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagikoze. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga ishishikariza abantu kuyikurikiza no gukurikiza umuyoboro wayo nk'uko tubisanga muri Hadithi yaturutse kwa Malik Ibun Al Huwayrith (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

«صَلُّوا كَمَا رَأَيْتُمُونِي أُصَلِّي».

"Mujye musali nkuko mwambonye nsali."⁵

Hadith yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire) yaravuze ati:

«رَأَيْتُ النَّبِيَّ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَرْمِي عَلَى رَأْسِهِ يَوْمَ النَّحْرِ وَيَقُولُ لَتَأْخُذُوا مِنَّا سِكِّكُمْ، فَإِنِّي لَا أَدْرِي لَعَلِّي لَا أَحُجُّ بَعْدَ حَجَّتِي هَذِهِ».

"Nabonye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku muni w'igitambo, itera amabuye ku nkuta ziri Djamarat iri ku ngamiya yayo ivuga iti: "Ibi ni ukungirango munyigireho uburyo mukora umutambagiro mutagatifu wanyu; kubera ko ntazi niba nyuma y'aha nzongera gukora umutambagiro mutagatifu."⁶

5- Yakiriwe na Bukhari kuri numero (6008).

6- Yakiriwe na Muslim kuri numero (1297).

ICYA GATATU: IBYZA BYO GUKORA UmutambagiRO MUTO (UMRAT).

UmutambagiRO muto ufite ibyiza biri mu buryo bubiri:
Uburyo bwa rusange n'ubw'umwihariko.

Ubwa rusange:

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

«الْعُمْرَةُ إِلَى الْعُمْرَةِ كَفَّارَةٌ لِمَا بَيْنَهُمَا، وَالْحَجُّ الْمَبْرُورُ لَيْسَ لَهُ جَزَاءٌ إِلَّا الْجَنَّةُ.»

(UmutambagiRO muto (Umrat) kugera ku wundi mutambagiRO muto ni icyiru cy'ibyaha umuntu yakora hagati yayo, kandi umutambagiRO wemewe nta kindi gihembo cyabyo uretse ijuru).⁷

Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

«تَابِعُوا بَيْنَ الْحَجِّ وَالْعُمْرَةِ، فَإِنَّهُمَا يَنْفِيَانِ الْفَقْرَ وَالذُّنُوبَ كَمَا يَنْفِي الْكَبِيرُ^[8] خَبَثَ الْحَدِيدِ وَالذَّهَبِ وَالْفِضَّةِ، وَلَيْسَ لِلْحَجِّ الْمَبْرُورِ ثَوَابٌ إِلَّا الْجَنَّةُ.»

(Mujye mukurikiranya hagati y'umutambagiRO mukuru n'umuto; kubera ko bikuraho ubucyene n'ibyaha nkuko umuriro ukuraho umugese ku cyuma na Zahabu na Feza, kandi umutambagiRO mukuru wemewe nta zindi ngororano zawo uretse ijuru).⁸⁹

Hari uburyo bw'umwihariko muri Ramadhan:

Hadith yaturutse kwa Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) yaravuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

«عُمْرَةٌ فِي رَمَضَانَ تَقْضِي حَجَّةً مَعِيَ»^[10].

"UmutambagiRO muto (Um'rat) mu kwezi kwa Ramadwan ungana no gukora umutambagiRO mukuru (Hadj) hamwe nanjye."¹⁰

7- Yakiriwe na Bukhari, kuri nimeru (1773), na Muslim kuri nimeru (1349).

8- Yakiriwe na Tirmidhi, kuri nimeru (810), na A-Nasa'i (2631).

9- Ni ahantu umucuzi acurira. Igatabo A-Tamhid cya Ibun Abdul Bari (15/102).

10- Bisobanuye ko bingana no gukora umutambagiRO mukuru hamwe nanjye, nk'uko byaje mu yindi mvugo.

**Uko umutambagiyo
mutagatifu muto ukorwa.**



Icya mbere: Amategeko ajyanye n'ahantu umuntu agirira umugambi wo gukora umutambagiyo (Al Mawaqit).

Al Mawaqit: Ni ahantu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagennye umuntu ugiye mu mutambagiyo mukuru n'umuto agirira umugambi.

Uzanyura hamwe muri aho afite umugambi wo gukora umutambagiyo mukuru n'umuto; ni itegeko kuri we kuhagirira umugambi, kandi ntibyemewe ko aharenga nta mugambi ahagiriye.

Ariko umuntu uri Makat agirira umugambi wo gukora umugambi mukuru (Hidjat) n'umuto (Umrat) aho ari.

Naho abatuye i Makat ndetse n'undi wagiriye umugambi ariho ari; niho bagirira umugambi. Naho umutambagiyo muto (Umrat), barabanza bakava mu mbago z'ubutaka butagatifu, bakabona kugira umugambi wo gukora umutambagiyo mutagatifu muto, nk'ahitwa A-Tan'iim n'ahandi.



Umuntu uri mu ndege; atangira kugira umugambi iyo ageze ahateganye n'ahantu bagirira umugambi, niho yitegurira akagira umugambi ndetse akanambara imyambaro yabyo ahateganye n'aho bagirira umugambi; iyo ageze ahateganye naho niho ahita agirira umugambi, ariko ntiyemerewe kubicyereza kugeza aho indege igereye ku butaka. Ashobora no gutangira kuvuga Talbiyat (Labayka Allahuma Labayka,...) mbere y'uko agera ahateganye naho bagirira umugambi kubera gutinya ko yaharenga, kubera umuvuduko w'indege.



ICYA KABIRI: UBURYO BAGIRA UMUGAMBI N'AMATEGEKO ABIGENGA.

Umuntu ushaka kugira umugambi wo gukora umutambagiro mutagatifu ategetswe ibi bikurikira:

Kwiyuhagira: Ni umugenzo wegera kuba itegeko byaba ku bagabo n'abagore kabone n'iyi baba bari mu mihango n'ibisanza.

Kwitera imibavu no kwisiga ibihumura haba mu musatsi we no mu bwanwa bwe. Nta n'icyo byaba bitwaye n'ubwo byahamaho na nyuma yo kugira umugambi. Naho umugore ntibyemewe kuri we kwitera umubavu kubera impumuro yawo, kugira ngo abagabo baziruriwe kumurongora badahumirirwa nawo.



Kwambara imyambaro ya Ihram yabugenewe; ikaba ari umukenyero n'umwitero; ni umugenzo mwiza kuba yaba ari umweru kandi isukuye cyangwa se ari mishya. Ku mugore we yambara imyambaro abonye, ariko itarimo imitako ikurura abagabo, ariko aba akwiye kwirinda kwambara umwambaro upfuka uburanga bwose (Niqab) na ga mu ntoki, gusa yemerewe gutwikira mu buranga bwe n'amaboko ye akoresheje ibindi bitari Niqab.

Kwambara umwambaro wa Ihram bikorwa nyuma y'iswalat yemewe mu mategeko yaba iy'itegeko cyangwa se iy'umugereka, ariko ibyo ntabwo ari itegeko.

Nuko aravuga ati: (LABAYKA LLAHUMA UMRAT: Ndakwitabye Mana Nyagasani nje gukora umutambagiyo muto (Umrat), iyo ari gukorera undi umutambagiyo muto aravuga ati: (LABAYKA LLAHUMA UMRAT AN FULAN: Ndakwitabye Mana Nyagasani nje gukora umutambagiyo muto wa runaka!)

Iyo umuntu ugiye kugira umugambi wo gukora umutambagiyo mutagatifu atinya imbogamizi yahura nayo bigatuma atuzuzwa imihango yose, aba akwiye kubigaragaza igihe ari kugira uwo mugambi akavuga ati: (LABAYKA LLAHUMA UMRAT WA IN HABASANI HABISUN FAMAHIY HAY'THU HABAS'TANI: Ndakwitabye Mana Nyagasani nje gukora umutambagiyo muto (Umrat), ariko nimpura n'imbogamizi, nzahagarikira aho nahuriye nazo); kubera ko igihe cyose abigenje atyo agahura n'imbogamizi ituma atuzuzwa imihango y'umutambagiyo, icyo gihe arekeraho umugambi we, kandi ntabwo abiryoze.

Iyo arangije arushaho kuvuga Talbiyat: (LABAYKA LLAHUMA LABAYKA, LABAYKA LA SHARIKA LAKA LABAYKA, INAL HAMDA WA NI'IMATA LAKA WAL MUL'KU LA SHARIKA: Ndakwitabye Mana Nyagasani ndakwitabye, ndakwitabye wowe udafite uwo ubangikanye nawe ndakwitabye, mu by'ukuri ishimwe n'ingabire, n'ubwami ni ibyawe wowe udafite uwo ubangikanye nawe), umugabo avuga mu ijwi riranguruye n'umugore akabigenza atyo igihe atari kumwe n'abagabo bemerewe kumurongora. Ni nangombwa ku muntu wagize umugambi wo gukora umutambagiyo yamaze no kwambara Ihram kuvuga kenshi ariya magambo (Talbiyat) by'umwihariko igihe ibihe arimo bihindutse cyangwa se yimutse aho yari ari nko kuba yazamuka ahazamuka,

cyangwa se akamanuka ahamanuka, cyangwa se ijoro
ryinjiye cyangwa se amanywa.¹¹

Talbiyat tuyitegetswe mu mutambagiyo muto (Umrat)
guhera uwurimo acyambara imyambaro ya Ihram kugeza
atangiye umuzenguruko kuri Al Ka'abat (Twawaf).


Ni itegeko ku muntu wambaye imyambaro ya Ihram
kwirinda kugwa mu cyo ari cyo cyose kibujijwe gukorwa
n'uyambaye kugeza ayiyambuye.

ICYA GATATU: UBURYO UMUZENGURUKO KURI AL KAABAT UKORWA.

Umuntu wagize umugambi wo gukora umutambagiyo
muto ni umugenzo mwiza kuri we kubanza ukuguru
kw'iburyo igihe agiye kwinjira mu musigiti ndetse
akanavuga ubusabe bw'impamo umuntu avuga:
"ALLAHUMA FTAH LII AB'WABA RAHMATIKA: Mana
Nyagasani mfungurira imiryango y'impuhwe zawe."
Ubu busabe nibwo anavuga iyo yinjiye mu musigiti uwo
ari wo wose, ntabwo ari umwihariko ku musigiti
mutagatifu wa Makat.

Iyo ashatse gutangira gukora umuzenguruko (Twawaf),
arekeraho kuvuga LABAYKA, kandi akitera umwitero
anyujije mu kwaha. Uburyo bikorwa: Nuko afata
umwitero we mu cya kabiri akawunyuzwa mu kwaha
kw'iburyo, n'impande zayo zombi akazipfundikira ku
rutugu rw'ibumoso. Iyo arangije gukora umuzenguruko,
umwitero we arongera akawusubiza uko wari umeze
ataratangira gukora umuzenguruko, kuko kuwunyuzwa mu
kwaha bikorwa mu muzenguruko kuri Al Kaabat gusa.

11- Igisobanuro cy'iyi mvugo: LABAYKA bisobanuye ngo ndakwitabye Nyagasani, inshuro nyuma y'iyindi. Bisobanuye ko umuntu yitabye Nyagasani we ndetse yiteguye kumwumvira. "Mu by'ukuri ishimwe n'ingabire n'ubwami byose ni ibyawwe. Ishimwe: Ni ibisingizo by'ubutungane bya Allah hamwe n'urukundo umukunda ndetse n'ubuhambare umuharira, iyo abisubiyemo kenshi biba ari ukumuvuga ibigwi. Naho ingabire: Ni ibyo Allah yahaye abagaragu be mu ngabire bifuzaga, n'ibibi yabarinze. Naho imvugo ivuga iti: Ubwami bivuze ngo ubwami ni ubwawe, Allah Nyir'ubutagatifu ni we Mwami wenyine. Naho kuvuga ko ntawe abangikanye nawe, bivuze ko nta n'umwe usangiye na Allah kuri kimwe mu byo Allah yihariye nk'ibisingizo byuzuye, hamwe no kuba ari we wihariye ubwami no kurema no kuba umugenga, ndetse no kuba ari we wenyine ukwiye gusengwa. Ibi wabisanga mu gitabo: {Mad' mu-u Fatawa wa Rasail Al Uthay'min (22/96) mu ncamacye.



Iyo arangije yerekera ku ibuye ry'umukara akarisuhuza akoresheje ikiganza cye cy'iburyo akanarisoma, iyo bitamworoheye kurisoma akoresha ikiganza cye maze agasoma ikiganza. Iyo bitamworoheye kurisuhuza n'ikiganza cye, yerekera ku ibuye ry'umukara akarisuhuza n'ikiganza cye aripepeye ariko ntarisome. Ibyiza nuko atabangamira abantu ababyiga ngo arigereho.

Mu gusuhuza iryo buye cyangwa se kuripepera avuga aya magambo; (ALLAHU AKBAR: Allah asumba byose).

Yarangiza akerekera iburyo bwe, Al Kaabat akayishyira mu ruhande rwe rw'ibumoso, yagera ahitwa A-RUKNUL YAMANIY (Inkingi iri mu cyerekezo cya Yemeni), agasuhuza ibuye ry'umukara atarisomye, iyo bitamukundiye yirinda kubyiga abantu agamije kurikoraho, nta n'ubwo aripepera.

Iyo ageze hagati ya A-RUKNUL YAMANI n'ibuye ry'umukara aravuga ati: (RABANA ATINA FI DUN'YA HASANAT WA FIL AKHIRATI HASANAT WA QINA ADHABA NARI: Mana Nyagasani duhe ibyiza muri iyi si, uzanabiduhe ku munsu w'imperuka, uzaturinde ibihano by'umuriro.

Na buri uko anyuze ku ibuye ry'umukara, yerekerayo n'ikiganza cye akavuga ati: ALLAH AKBAR (Allah asumba byose)!

Hanyuma mu yindi mizenguruko asigaje akavuga ubusabe ashatse n'andi magambo yo gusingiza Allah ndetse akanasoma Qur'an.

Umugenzo mwiza nuko mu mizenguruko itatu ya mbere ayigenda atera intambwe zegeranye; naho muri enye zisigaye ntazigende yihuta ahubwo akagenda nkuko agenda bisanzwe.

Iyo asoje gukora umuzenguruko, yerekeza ahitwa Maqam Ibrahim, maze agasoma umurongo wa Qur'an ugira uti:

﴿...وَاتَّخِذُوا مِنْ مَّقَامِ إِبْرَاهِيمَ مُصَلِّينَ...﴾

(WATAKHIDHU MIN MAQAMI IBRAHIM MUSWALA: Kandi ahantu Ibrahim yahagaze mujye muhasalira);

[Surat Al Baqarat: 125].



Yarangiza agasali raka ebyiri inyuma yaho igihe bimworoheye, iyo bitamukundiye asalira ahandi yabona hose mu musigiti, kuri Raka ya mbere nyuma ya Suratul Fatihat agasoma:

﴿قُلْ يَا أَيُّهَا الْكَافِرُونَ﴾

(QUL YA AYUHAL KAFIRUNA): Vuga (yewe Muhamadi) uti “Yemwe bahakanyi! [Surat Al Kafiruna: 1] Naho ku ya kabiri nyuma ya Suratul Fatihat agasoma:

﴿قُلْ هُوَ اللَّهُ أَحَدٌ﴾

(QUL HUWA LLAHU AHAD): Vuga (yewe Muhamadi) uti “We ni Allah, umwe Rukumbi, [Surat Al Ikhlāasw: 1]

ICYA KANE: UBURYO KUGENDA HAGATI YA SWAFAT NA MAR'WA BIKORWA.

Iyo asoje umuzenguruko kuri Al Kaabat, ndetse no gusali raka ebyiri, yerekeza ahitwa Mas'a, yakegera hafi ya Swafa agasoma uyu murongo ugira uti:

﴿إِنَّ الْأَصْفَا وَالْمَرْوَةَ مِنْ شَعَائِرِ اللَّهِ...﴾

(INA SWAFA WAL MAR'WAT MIN SHA'AIRILLAH: Mu by'ukuri Swafa na Mar'wa ni bimwe mu bimenyetso bya Allah) [Surat Al Baqarat: 158]. Yarangiza akavuga ati: "Mpereye ku cyo Allah yahereyeho."

﴿أَبْدَأُ بِمَا بَدَأَ اللَّهُ بِهِ﴾

"Mpereye aho Allah yahereye avuga"¹²



Hanyuma akazamuka Swafa kugeza aho areba kuri Al Ka'abat cyangwa se mu cyerekezo cyayo akayerekera, maze agashimangira ko Allah ari umwe rukumbi akanavuga ati: ALLAHU AK'BAR hanyuma akavuga ati: (LA ILAHA ILA LLAHU WAH'DAHU LA SHARIKA LAHU, LAHUL MULKU WALAHUL HAMDU, WA HUWA ALA KULI SHAY'IN QADIIR. LA ILAHA ILA LLAHU WAHDAHU, AN'DJAZA WA'ADAHU, WA NASWARA ABDAHU, WA HAZAMAL AH'ZABA WAHDAHU: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah wenyine udafite uwo abangikanye nawe, niwe nyir'ubwami n'ishimwe, kandi niwe ufite ubushobozi kuri buri kintu. Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah wenyine, yasohoje isezerano rye, atabara umugaragu we, ndetse anatsinda intambara y'udutsiko wenyine." ibi abisubiramo inshuro eshatu, akanasaba ubusabe nyuma yaho (mbere y'uko atangira kugenda).

«لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ وَحْدَهُ لَا شَرِيكَ لَهُ، لَهُ الْمُلْكُ وَلَهُ الْحَمْدُ، وَهُوَ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ، لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ وَحْدَهُ، أَنْجَزَ وَعْدَهُ، وَنَصَرَ عَبْدَهُ، وَهَزَمَ الْأَحْزَابَ وَحْدَهُ»، ثُمَّ دَعَا بَيْنَ ذَلِكَ. قَالَ مِثْلَ هَذَا ثَلَاثَ مَرَّاتٍ.

"LA ILAHA ILA LLAHU WAH'DAHU LA SHARIKA LAHU, LAHUL MULKU WALAHUL HAMDU, WA HUWA ALA KULI SHAY'IN QADIIR. LA ILAHA ILA LLAHU WAHDAHU, AN'DJAZA WA'ADAHU, WA NASWARA ABDAHU, WA HAZAMAL AH'ZABA WAHDAHU: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah wenyine udafite uwo abangikanye nawe, niwe Nyir'ubwami n'ishimwe, kandi niwe ufite ubushobozi kuri buri kintu. Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah wenyine, yasohoje isezerano rye, atabara umugaragu we, ndetse anatsinda intambara y'udutsiko wenyine." ibi abisubiramo inshuro eshatu.

Yarangiza akamanuka kuri Swafa akerekeza Mar'wat agenda, yagera ahari ikimenyetso cy'ibara ry'icyatsi akagenda yihuta atera intambwe, yagera ku kimenyetso cya kabiri, akagenda bisanzwe. Ntabwo byemewe ku bagore kwihuta cyane.

Iyo ageze Mar'wat yemerewe gukora nk'ibyo yakoze ari kuri Swafa.

Yarangiza akamanuka Mar'wat akerekeza Swafa agenda n'amaguru, yagera ku kimenyetso cy'ibara ry'icyatsi akagenda atera intambwe yihuta, yagera ku kimenyetso cya kabiri cy'ibara ry'icyatsi akagenda ingendo isanzwe.



Uko niko abigenza kugeza yuzuje inshuro zirindwi; kugenda aturutse Swafa yerekeza Maruwa bibarwa nk'inshuro imwe, no kugaruka avuye Mar'wat aya Swafa ni indi nshuro

Hanyuma mu kuzenguruka kwe hagati ya Swafa na Mar'wat asoma ubusabe n'amagambo yo gusingiza Allah ashatse, ndetse akanasoma Qur'an.

ICYA GATANU: UBURYO UMUNTU YOGOSHAMO UMUSATSI WE WOSE CYANGWA SE AKAWUGABANYA.

Umuntu uri gukora umutambagiro muto iyo arangije kuzenguruka kuri Al Ka'abat no kuzenguruka hagati ya Swafa na Mar'wat, aba ategetswe kogosha umusatsi we wose cyangwa se akawugabanya iyo ari umugabo, ariko umugenzo mwiza dukomora ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nuko kogosha cyangwa se kugabanya agomba kubikora ku mutwe we wose.

Gusa kumaraho umusatsi wose nibyo byiza kuruta kugabanya, cyeretse iyo igihe cy'umutambagiro mukuru (Hidjat) cyegereje ku buryo umusatsi we waba utaramera; icyo gihe nibwo yemerewe kugabanya.

Naho ku mugore agabanya impera z'umusatsi ahareshya n'urungiro rumwe rw'urutoki.



IBIBUJIJWE KU MUNTU WAMBAYE IHRAM.

Ibujijwe ku muntu wambaye Ihram ni ibi bikurikira:

Kogosha umusatsi we cyangwa se kuwugabanya,
cyangwa se kuwupfura ahari ho hose ku mubiri we.

Guca inzara zaba zose cyangwa se zimwe muri zo,
zaba iz'amano cyangwa se iz'intoki.

Gutwikira umutwe n'ikintu gifashe ku mutwe
nk'ingofero n'ikiremba, cyangwa se kwitwikiriza ikindi
gitambaro, cyangwa se ikindi wifubitse, cyangwa se
ikarito cyangwa se n'ibindi umuntu yakifashisha
agamije kwambika umutwe we. Ariko ibi ni umwihariko
w'igitsinagabo ntihavugwamo igitsinagore.

Kwambara imyambaro isanzwe, ijyanye n'igice cyo ku mubiri yambitse nk'ikanzu, ipantalo, ishati, amasogiti, ndetse na ga. Ibi nabyo ni umwihariko ku bagabo ntihavugwamo igitsinagore; gusa cyo kibujijwe ibi bikurikira:

Kwambara Niqab n'ibindi bisa nkayo, ariko ntibikuraho guhisha uburanga bwe igitsinagabo cyemerewe kumurongora mu buryo busanzwe, ariko ntiyemerewe kwambara igitwikira umutwe we wose kuko nta gihamya yabyo dufite.

Kwambara ga mu biganza bye, gusa ategetswe kwambika amaboko ye mu mwitandiyu we imbere y'abagabo bemerewe kumurongora.

Kwisiga imibavu ku mubiri we cyangwa se kwambara Ihram.

Kwica umuhigo w'inyamaswa yo ku butaka no kuyihiga kabone n'ubwo atayica.

Kurambagiza yaba abyikorera ubwe cyangwa se ari undi arambagiriza.

Gushyingiranwa.

Gukora ibibanziriza imibonanano mpuzabitsina nko gusomana, cyangwa se gukorakoranaho birimo no kwifuza imibonano.

Gukora imibonano mpuzabitsina.

Incamacye y'ibikorwa byo mu mutambagiro muto
(wayisanga ku gifuniko cy'igitabo cyangwa se ku
rupapuro rwa nyuma).

Kwiyuhagira.

Kwisiga umubavu

Kwambara imyambaro ya Ihram.

Ihram ni ukugira umugambi wo
gutangira ibikorwa byo mu muhango
w'umutambagiro mutagatifu.

Talbiyat: ni ukuvuga Labayka,...

Kuzenguruka kuri Al Kaabat

Gusali raka ebyiri nyuma ya Maqam
Ibrahim.

Kugenda hagati ya Swafa na Mar'wat.

Kogosha umusatsi wose cyangwa se
kuwugabanya.

Allah niwe Mumenyi uhebuje, kandi
Allah nahe amahoro n'imigisha
Intumwa yacu Muhamadi.



Index

INCAMACYE Y'UBURYO UMUTAMBAGIRO MUTO (UMRAT) UKORWA N'AMATEGEKO YAWO.	3
UMUSOGONGERO.	3
ICYA MBERE: IBISABWA KUGIRA NGO IBIKORWA UMUNTU AKOZE BYEMERWE NA ALLAH.	4
ICYA KABIRI: ITEGEKO RIREBANA NO KWIGA UKO UMUTAMBAGIRO MUTO (UMRAT) UKORWA N'AMATEGEKO AWUGENGA.	5
ICYA GATATU: IBYZA BYO GUKORA UMUTAMBAGIRO MUTO (UMRAT).	6
Uko umutambagiro mutagatifu muto ukorwa.	7
Icy a mbere: Amategeko ajyanye n'ahantu umuntu agirira umugambi wo gukora umutambagiro (Al Mawaqit).	8
ICYA KABIRI: UBURYO BAGIRA UMUGAMBI N'AMATEGEKO ABIGENGA.	10
ICYA GATATU: UBURYO UMUZENGURUKO KURI AL KAABAT UKORWA.	12
ICYA KANE: UBURYO KUGENDA HAGATI YA SWAFAT NA MAR'WA BIKORWA.	15
ICYA GATANU: UBURYO UMUNTU YOGOSHAMO UMUSATSI WE WOSE CYANGWA SE AKAWUGABANYA.	17
IBIBUJJIWE KU MUNTU WAMBAYE IHRAM.	18
Incamacye y'ibikorwa byo mu mutambagiro muto (wayisanga ku gifuniko cy'igitabo cyangwa se ku rupapuro rwa nyuma).	20

تعرف على الإسلام

بأكثر من 100 لغة



موسوعة الأحاديث النبوية
HadeethEnc.com



ترجمات متقنة للأحاديث
النبوية وشروحها بأكثر من
لغة (60)



بيان الإسلام
byenah.com



مواد منتقاة للتعريف
بالإسلام وتعليمه بأكثر
من (120) لغة



موسوعة القرآن الكريم
QuranEnc.com



ترجمات متقنة لمعاني
القرآن الكريم بأكثر من
لغة (75)



موسوعات وخدمات إسلامية باللغات
s.islamenc.com



للمزيد
من المواقع الإسلامية
بلغات العالم



مناخ المحتوى الإسلامي
islamcontent.com



مواد إسلامية متنوعة
وشاملة بأكثر من (125)
لغة



ضيوف الرحمن
hajjumrh.com



مواد منتقاة للحجاج
والمعتمرين و الزوار
بلغات العالم

جمعية خدمة المحتوى
الإسلامي باللغات



ضيوف الرحمن
hajjumrh.com

